

A. — LOIS.

LOI N° 41/90 DU 15 OCTOBRE 1990 MODIFIANT LE
DECRET-LOI N° 04/81 DU 29 JANVIER 1981 RELATIF
A L'AMENAGEMENT URBAIN ET DU TERRITOIRE.

Nous, HABYARIMANA Juvénal,
Président de la République,

LE CONSEIL NATIONAL DE DEVELOPPEMENT
A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS,
PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT
ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU
JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE
RWANDAISE:

Le Conseil National de Développement, réuni en sa
séance du 28 septembre 1990,

Vu la Constitution, spécialement en ses articles 63, 65,
alinéa premier, 67 et 69;

Revu le décret-loi n° 04/81 du 29 janvier 1981 relatif à
l'Aménagement Urbain et du Territoire, spécialement en ses
articles 21, 26 et 37;

ADOPTE:

Article premier.

L'article 21 du décret-loi n° 04/81 du 29 janvier 1981
relatif à l'Aménagement Urbain et du Territoire est modifié
comme suit:

« Le plan régional figure, notamment:

- a) l'affectation dominante des zones principales de la
région, en fonction, notamment, de leur aptitude
culturale, pastorale, forestière, urbaine ou industrielle;
- b) les emplacements approximatifs réservés aux
principaux équipements d'intérêt régional;
- c) le tracé approximatif des voies et communications
d'intérêt régional.

A. — AMATEGEKO.

ITEGEKO N° 41/90 RYO KUWA 15 UKWAKIRA 1990
RIHINDURA ITEGEKO-TEKA N° 04/81 RYO KUWA 29
MUTARAMA 1981 RYEREKEYE IMITUNGANYIRIZE
Y'IMIJIYI N'UBUTAKA BW'IGIHUGU.

Twebwe, HABYARIMANA Yuvenali,
Perezida wa Repubulika,

INAMA Y'IGIHUGU IHARANIRA AMAJYA-
MBERE YEMEJE. NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA
LETA YA REPUBULIKA YU RWANDA:

Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere, mu nteko
yayo yo kuwa 28 Nzeri 1990,

Ishingiye ku Itegeko-Nshinga, cyane cyane mu ngingo
zaryo, iya 63, iya 65, igika cya mbere, iya 67 n'ya 69;

Isubiye ku itegeko-teka n° 04/81 ryo kuwa 29
Mutarama 1981 ryerekeye imitunganyirize y'imijyi
n'ubutaka bw'igihugu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 21,
iya 26 n'ya 37,

YEMEJE:

Ingingo ya mbere.

Ingingo ya 21 y'itegeko-teka n° 04/81 ryo kuwa 29
Mutarama 1981 ryerekeye imitunganyirize y'imijyi
n'ubutaka bw'igihugu ihinduwe itya:

« Pula y'akarere igaragaza cyane cyane:

- a) icyo ibice bikomeye by'akarere bizagererwa, bakurikije
uko hashobora guhingwa, kororerwa, guterwa
amashyamba, kuzashyirwa umujyi cyangwa inganda;
- b) ahateganijwe ku buryo bugereranije kuzashyirwa
ibyangombwa bifitiye akarere akamaro;
- c) ahateganijwe ku buryo bugereranije kuzanyuzwa
imihanda n'ibyuma byo gutumanaho bifitiye akarere
akamaro.

Moyennant une mention formelle, le plan régional peut figurer, pour certaines parties de la région, des indications habituellement réservées aux plans locaux ou particuliers ».

Article 2.

L'article 26 du même décret-loi est modifié comme suit :

« A l'intérieur des périmètres définis, soit par arrêté présidentiel, soit par les schémas ou les plans d'aménagement, nul ne peut, sans autorisation administrative préalable :

- a) édifier de nouvelles constructions ou les surélever ;
- b) déboiser, abattre des arbres vifs à haute tige faisant partie d'un ensemble forestier, routier, horticole ou décoratif, sauf le cas de nécessité urgente ou d'exploitation normale et sans préjudice à l'application des prescriptions relatives au régime forestier ;
- c) lotir, totalement ou partiellement, une propriété, en vue de la construction ;
- d) aussi longtemps que l'autorisation de lotissement, en vue de la construction, n'a pas été délivrée, annoncer publiquement un tel lotissement, offrir en vente, aliéner ou acquérir une ou des parcelles d'un tel lotissement.

Ces prescriptions dont, notamment, celles relatives à l'édification des constructions et aux lotissements, sont applicables aux pouvoirs publics.

Les interdictions de construire et de lotir sont définitives ou provisoires. Les autorisations de construire ou de lotir peuvent être conditionnelles.

Le Ministre ayant l'urbanisme dans ses attributions est habilité à délivrer les autorisations de lotir et de bâtir, conformément aux règles fixées par arrêté présidentiel. Il peut déléguer tout ou partie de ses pouvoirs aux autorités préfectorales ou communales ».

Article 3.

L'article 37 du même décret-loi est modifié comme suit :

« Le Président de la République prescrit :

- a) les règles auxquelles doivent répondre les constructions et les plantations, au point de vue de la sécurité, de l'hygiène, de l'esthétique, ainsi que la nature, la qualité et la mise en œuvre des matériaux ;
- b) les règles à observer pour l'exécution des travaux ;
- c) les règles applicables à la publicité extérieure.

Il détermine l'aire d'application de ces prescriptions ».

Iyo byateganijwe kubera impamvu igaragara, pula y'akarere ishobora, mu mpande zimwe na zimwe zako, kugaragaza ibisanzwe bigenewe gusa pula rusange cyangwa z'umwihariko ».

Ingingo ya 2.

Ingingo ya 26 y'iryo tegeko-teka ihindurwa itya :

« Keretse abanje kubihonera uruhusa rw'ubutegetsi, ubundi ntawe ushobora gukora ibi bikurikira mu mbago z'ahantu hakorewe ibishushanyo-nyobozi cyangwa za pula zo kuhatunganya cyangwa habujijwe n'iteka rya Perezida :

- a) kugira ibindi bishya yubaka cyangwa yunguruzaho ;
- b) kurimbura cyangwa gutema ibiti by'ishyamba, ibikikije umuhanda, ibigize ubusitani cyangwa ibyagenewe umurimbo, keretse iyo hari impamvu ikomeye yihutirwa cyangwa bitewe no kubikoresha bisanzwe, ariko bikaba bitanyuranyije n'amategeko agenga amashyamba ;
- c) gukeba ubutaka, bwose cyangwa igice cyabwo, mu ibibanza byo kubakamo ;
- d) gutangaza ko hari bene ibyo bibanza, gushaka kubigurisha, kubitanga, guhabwa kimwe cyangwa byinshi muri ibyo bibanza, mu gihe cyose uruhusa rwo kubikeba kugira ngo byubakwemo rutaratangwa.

Ubutegetsi nabwo bugomba gukurikiza aya mategeko, cyane cyane nko kubyerekeye kubaka no gukeba ibibanza.

Kubuza kubaka no gukeba ibibanza bishobora kuba burundu cyangwa by'agateganyo. Impushya zishobora gutangwa ari uko hakoze ibi n'ibi.

Minisitiri ushinze imitunganyirize y'imijyi afite ububasha bwo gutanga impushya zo gukeba ibibanza no kubaka hakurikijwe amabwiriza yashyizweho n'iteka rya Perezida.

Ashobora guha ububasha bwe bwose cyangwa igice cyabwo abategetsi ba perefegitura cyangwa ba komini ».

Ingingo ya 3.

Ingingo ya 37 y'iryo tegeko-teka ihindurwa itya :

« Perezida wa Repubulika ashiraho :

- a) amategeko agenga ubwubatsi n'itera ry'ibimera, ayo mategeko akaba yerekeye kwirinda ibyago, kugira isuku, gukora ibinogeye amaso, ndetse akanavuga ubwoko n'imiterere y'ibikoresho n'uko bizakoresha ;
- b) amategeko agomba gukurikizwa igihe imirimo ikorwa ;
- c) amategeko akurikizwa mu byerekeye kwamamaza.

Avuga n'ahantu ayo mategeko agomba gukurikizwa ».

Article 4.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication
au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 15 octobre 1990.

Ingingo ya 4.

Iri tegeko rizatangira gukurikizwa ku muntu
rizatangarizwaho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u
Rwanda.

Kigali, kuwa 15 Ukwakira 1990.

HABYARIMANA Juvénal,
Général-Major.
(sé)

Le Ministre des Travaux Publics,
de l'Energie et de l'Eau,

Minisitiri w'Imirimo ya Leta,
Ingufu n'Amazi,

NTAGERURA André.
(sé)

Le Ministre du Plan,

Minisitiri w'Imigambi ya Leta,

NGIRABATWARE Augustin.
(sé)

Le Ministre de l'Agriculture, de l'Elevage
et des Forêts,

Minisitiri w'Ubuhinzi, Ubworozi
n'Amashyamba,

GASANA James.
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République :

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

Le Ministre de la Justice,

Minisitiri w'Ubutabera,

MUJYANAMA Théoneste.
(sé)